**IKINYARWANDA: Ubumenyi bw'Ururimi n'Iyigayigisha**

# KIN 03

**22/07/2021** **8.30 AM - 11.30 AM**

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2020/2021**

**ISOMO: IKINYARWANDA: UBUMENYI BW'URURIMI N'IYIGAYIGISHA**

**ISHAMI: INDERABAREZI (TTC)**

**AGASHAMI:** EARLY CHILDHOOD AND LOWER PRIMARY EDUCATION**(ECLPE)**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA ATATU (3)**

**AMABWIRIZA**

1. Andika amazina yawe na nomero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form" ariko ubujijwe kubyandika ku mpapuro z'inyongera uhabwa bibaye ngombwa.
2. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
3. Iki kizamini kigizwe n'ibice bitanu by'ingenzi:
   - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 19)**
   - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 22)**
   - **Igice cya gatatu:** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 24)**
   - **Igice cya kane:** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
   - **Igice cya gatanu:** Iyigayigisha **(amanota 20)**
4. Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
5. Subiza muri make utarondogoye.
6. Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara handi hatari ahabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
7. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyanecyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.

# ISI: UMUBUMBE UTUWE N'IBIREMWA BIFITE UBUZIMA!

Isanzure ry'ikirere isi yacu irimo, ririmo indi mibumbe myinshi itariho ibinyabuzima. Turebye gusa nko ku mibumbe izenguruka izuba, ari na cyo gice isi iherereyemo harimo Marisi, Merikire, Venusi, Nebuturune, Yupiteri n'iyindi. Nyamara muri iyo yose nta n'umwe utambaho ikinyabuzima, mu gihe isi yacu yo isabagiraho ibiremwa bifite ubuzima bitagira ingano.

Umubumbe w'isi wose utuwe n'ibinyabuzima. Uhereye mu rubura rwo muri Arigitika, ukagera mu mashyamba akonja ya Amazoniya, mu butayu bwa Sahara, mu icuraburindi ryo mu ndiba z'inyanja no ku bitwa by'imisozi ahagera urumuri, hose uhasanga ibinyabuzima bitangaje. Ibyo binyabuzima byose bigaragara mu mashusho atandukanye, imibyimba ndetse n'imibare byihariye.

Amoko arenga miriyoni z'amarumbo y'udusimba atuye isi yacu. Mu mazi hogamo amoko asanga ibihumbi makumyabiri y'amafi, amwe angana n'akabuto k'umuceri andi angana n'imodoka ya Rukururana. Hari nibura amoko arenga ibihumbi magana atatu na mirongo itanu y'ibimera bimwe usanga biteye ku buryo budasanzwe, ibindi bikaba biteye amabengeza bigashimisha ababireba. Ntitwakwibagirwa uruhuri rw'inyoni zirimo amoko arenga ibihumbi ikenda, imikumbi n'ubushyo bw'inyamaswa zirisha, amasibo y'izitungwa no kurya izindi, n'ibindi binyabuzima bitaboneshwa amaso.

Muri byo binyabuzima byose icy'agahebuzo kikaba umuntu washoboye kubirusha ubwenge no kwirwanaho kuri ubu akaba amaze gukwira isi yose ku buryo busumbye kure ubw'ibindi binyabuzima. Abantu rero na bo bakagira amoko atandukanye arimo: abirabura, abera, abatukura, abagufi, abarebare... abo bose bakaba babana kuri iyi si mu mico n'imigenzereze itandukanye. Dukurikije uko abantu bashoboye kororoka bagakwira isi yose, twavuga ko isi yabereye umuntu ingobyi imubereye, imuha ibyo akeneye byose kugira ngo ubuzima bwe busugire, busagambe. Ikintu gikomeye umuntu arusha ibyo binyabuzima byose, si uko ari we washobora gucengera imibereho y'ibyo binyabuzima. Ntabwo ari uko ashobora kubivutsa byose ubuzima kuko abirusha intwaro, ahubwo ni uko we ashobora kumenya ko biriho no kumenya akamaro bimufitiye.

Turenze ibiri ku isi tugaterera ijisho mu kirere, tuhabona izuba, ukwezi n'inyenyeri. Nyamara ibyo ni ibyo tubona n'amaso yacu karemano. Izuba ni imwe

mu nyenyeri zitabarika ziri mu kirere cyacu. Kugeza mu myaka ya1920, abantu bakekaga ko ikirere tureba n'amaso twaremanywe, ari cyo cyonyine kiriho n'urujeje rw'inyenyeri tubonamo. Nyamara abahanga mu by'ikirere bakoresheje ibyuma bireba kure byitwa Teresikopi bashoboye kwemeza ko isanzure ry'ikirere ririmo nibura miriyari mirongo itanu z'ibirere nk'icyo tubona. Byumve neza ko ari miriyari mirongo itanu z'ibirere nk'icyo tubona kandi buri kirere kikaba kirimo za miriyari z'inyenyeri zimeze nk'iri zuba ritumurikira.

Muri iryo sanzure ryose uko ringana, abahanga mu by'ikirere ntibarabonamo undi mubumbe uteye nk'isi. Mu byo barebesha ibyuma kabuhariwe, hari aho babona imibumbe minini cyane izenguruka zimwe mu nyenyeri, ariko isi yacu ni wo mubumbe ufite imiterere ikwiye kugira ngo ube waturwa n'ibinyabuzima. Muti kubera iki?

Duhereye ku mubyimba wawo, umubumbe w'isi uramutse urengejeho kuba munini, wagira imbaraga rukuruzi nyinshi, ku buryo zatuma umwuka wa idorojene uwuhamaho, kandi uwo mwuka ntabwo ubangikana n'ibinyabuzima. Nanone isi ibaye ntoya ho gato, umwuka wa ogisijeni duhumeka ndetse n'amazi, byakwigendera, muriyumvira ingaruka byagira ku binyabuzima biyiriho.

Ikindi gituma ubuzima bushoboka ku isi, ni intera iri hagati yayo n'izuba. Mwarimu David Block mu gitabo ke yise *"Our Universe: Accident or Design?"* Tugenekereje twavuga ko ari: "Isanzure ry'ikirere cyacu ryaba ryariremekanyije cyangwa ryaremwe ripanzwe neza?" Yaranditse ati: "Imibare yerekana ko isi yegereye izuba ho 5% byonyine, ku isi haba ubushyuhe bukabije, ku buryo ubuzima bwahanagurika. Naho isi iramutse yitaje izuba ho 1% byonyine, igice kinini k'isi cyahita gitwikirwa n'urubura. Ibyo wenda twavuga ko birenze ubushobozi n'ububasha bwa muntu, nyamara twibuke ko ubu umuntu yarangije gukoresha ingufu za kirimbuzi zishobora kugira ingaruka nk'izo, ngo agambiriye guhangana n'umuntu mugenzi we da! Reka twongereho gusa ko isi yizengurukaho mu masaha makumyabiri n'ane. Tugereranije na Venusi yizengurukaho mu minsi 243, isi igenze buhoro bigeze aho twajya tumara icyo twakwita iminsi 121 izuba riducanyeho, ritararenga n'umunsi umwe, tukongera kumara igihe kingana gutyo turi mu icuraburindi ry'umwijima tutarabona urumuri rw'izuba. Ese ubwo twaba dutunzwe n'iki? Twazaba se tugifite ubushobozi bwo kongera kureba urumuri?

Mu kwanzura, twavuga ko imiterere y'isi, ikirere cyayo, intera iriho ugereranije n'izuba, byose bituma tubaho, tukanabona ku isi ibyo turya, n'ibindi byose bidushimisha. Kuba muntu yarashoboye kumenya ibyo byose, byagombye kumuha isomo ryo kuyifata neza no kuyirinda ibyayonona byose.

## IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 19)

1) Andika ibintu bitatu mu biranga ikinyabuzima **(amanota 3)**
2) Dukurikije umwandiko, ni iki kerekana ko isi yabereye muntu ingobyi imubereye? **(amanota 2)**
3) Ni izihe ngaruka zaba ku isi umwuka wa ogisijeni n'amazi byigendeye? **(amanota 2)**
4) Byagenda bite isi iramutse yegereye cyangwa ikitaza izuba ukurikije aho iri muri iki gihe? **(amanota 2)**
5) Erekana ukuntu imiterere y'isi ukurikije ingano yayo iyemerera kubaho ibinyabuzima. **(amanota 2)**
6) Uhereye ku bivugwa n'umwanditsi icyo umuntu yagombye kwiratana ko arusha ibindi binyabuzima ni iki? **(amanota 2)**
7) Isi itandukaniye he n'iyindi mibumbe? **(amanota 2)**
8) Shaka amagambo ari mu mwandiko asobanura ibintu iyo ari byinshi: **(amanota 4)**

   (a) Inyamaswa nyinshi zirisha nk'inka, imbogo, imparage...
   (b) Inyamaswa zirya izindi nk'intare, imbwa, imbwebwe...
   (c) Inyoni nyinshi.
   (d) Inyenyeri nyinshi.

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 22)

9) Vuga ubwoko bw'amagambo yanditse mu nyuguti zitsindagiye. **(amanota 5)**

   Umubumbe w'isi **wose** utuwe n'ibinyabuzima. Uhereye mu rubura rwo **muri** Arigitika, **ukagera** mu mashyamba akonja ya Amazoniya, mu butayu bwa Sahara mu icuraburindi ryo mu ndiba z'inyanja no ku bitwa by'imisozi ahagera urumuri, hose uhasanga ibinyabuzima **byinshi cyane**.

10) Garagaza **inteko** cyangwa **ngenga** z'amagambo yanditse mu nyuguti zitsindagiye. **(amanota 5)**

Dukurikije uko abantu **bashoboye** kororoka bagakwira isi yose, **twavuga** ko isi yabereye umuntu **ingobyi** imubereye, **imuha** ibyo akeneye byose kugira ngo **ubuzima** bwe busugire busagambe.

11) Tanga ingero z'amagambo yakoreshwamo amategeko y'igenamajwi akurikira unagaragaze uturemajambo twayo: **(amanota 8)**

(a) o→w/-J

(b) d+y→z

(c) e→y/-J

(d) y→z/n-

12) Sesengura interuro ikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti. **(amanota 4)**

Uyu mwana ariga Ikinyarwanda.

## IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 24)

13) Andika amazina y'abahanzi dukesha ibi bihangano **(amanota 4)**

(a) Umunsi ameza imiryango yose

(b) Isiha rusahuzi

(c) Nugururiye inyange

(d) Ukwibyara gutera ababyeyi ineza

14) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 4)**

(a) Abambari b'i Rurinda bambarira inzogera ikuzimu!

(b) Cya mutimbatimbo, cya mutikurandwanyi, imfizi yo mu batindi yivuga mu itumba!

(c) Ndaguteruye ndakwesa, urahindukira urandeba!

(d) Nyirabyuma ndashya umugongo!

15) Tanga imigani y'imigenurano ihura n'ibisobanuro bikurikira: **(amanota 4)**

(a) Iyo abantu bagiye inama bagera kuri byinshi kuko nta mahane aba arimo kandi n'Imana ikabiha umugisha.

(b) Umuntu umwe nta cyo yabasha kwigezaho wenyine ni ngombwa ko haboneka abamufasha.

(c) Gutanga urugero rufatika birigisha kurenza kubivuga mu magambo gusa.

(d) Umuntu utagira ubushishozi ashobora kuzira ibintu atakagombye kuzira iyo aza gushishoza.

16) Tandukanya amagambo yandikwa atyo ukoresheje ubutinde n'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso. **(amanota 8)**

(a) impinga (y'umupfumu)…………….≠………….(y'umusozi)

(b) kurengera (kurwanaho) …………….≠…………. (kubangamira)

(c) udutako (bategura) …………….≠…………. (ibice by'amaguru binanutse)

(d) kureka (amazi) …………….≠…………. (gusezera ku murimo)

17) Hanga interuro ebyiri ngufi zirimo igihekane **"fw"**. **(amanota 4)**

## IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

18) Andikira ibaruwa Umuyobozi w'Akarere ka Gasiza umusaba akazi ku mwanya wo kwigisha indimi mu ishuri ribanza rya Kibara mu Murenge wa Muzinga, ubimenyeshe Umukozi w'Akarere Ushinzwe Uburezi n'Umukozi w'Umurenge ushinzwe uburezi. Koresha amazina ya Uwimana Habarugira. **(amanota 15)**

## IGICE CYA GATANU: IYIGAYIGISHA (amanota 20)

19) Subiza ukoresheje **"yego"** cyangwa **"oya"** ku bibazo bikurikira: **(amanota 4)**

(a) Mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza abanyeshuri biga inyajwi, ingombajwi n'ibihekane bitanu.

(b) Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza isomo ry'Ikinyarwanda ryigwa amasaha umunani (8) mu cyumweru.

(c) Inkuru abanyeshuri bisomera zigomba kuba zitagizwe n'ibimenyetso bamaze kwiga gusa.

(d) Imyigishirize y'inyajwi, ingombajwi n'ibihekane igomba guhera buri gihe ku nkuru.

20) Ni izihe ngingo nsanganyamasomo zibanzweho mu gutegura integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi? **(amanota 8)**

21) Andika imimaro itatu (3) y'integanyanyigisho. **(amanota 3)**

22) Garagaza kandi usobanure itandukaniro riri hagati y'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi n'integanyanyigisho ishingiye ku bumenyi.

**(amanota 5)**

**-IHEREZO-**

URUPAPURO RUTARIHO IBIBAZO